**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

Karongi, kuwa 19/10/2020
N°...82../CC/03/0301

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**INAMA NJYANAMA**
**AKARERE KA KARONGI**
**E-mail:** karongidistrict@karongi.gov.rw
**B.P 23 KIBUYE**

**Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba**

**Impamvu**: Kohereza imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

Nyakubahwa Guverineri,

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa ngira ngo mbagezeho ku mugereka wayo, imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka KARONGI yateranye ku wa gatandatu tariki ya 10/10/2020.

Mugire amahoro.

**MUTANGANA Frederic**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka KARONGI

**Bimenyeshejwe:**
- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu **KIGALI**
- Madamu Umuyobozi w'Akarere ka **KARONGI**

## IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI YO KUWA 10/10/2020

Mu cyumba cy'Inama cy'Akarere ka Karongi ku itariki 10/10/2020 habereye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi, itangira saa yine (10H00), yitabirwa n'Abajyanama 22/28. Iyi nama kandi yitabiriwe na Minisitiri w'Urubyiruko n'Umuco **Rosemary MBABAZI** akaba imboni ya Guverinoma mu Karere ka Karongi, iyoborwa n'Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere, **Bwana MUTANGANA Frederic.**

**Ku murongo w'ibyigwa hari:**

1. Kurebera hamwe ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 30/6/2020 n'inama idasanzwe yo kuwa 26/8/2020;
2. Kugaragarizwa ibikorwa bya za komisiyo;
3. Kurebera hamwe ishyirwa mu bikorwa ry' ingengo y' imari y'umwaka wa 2020-2021;
4. Kugaragarizwa aho imihigo y' umwaka wa 2020-2021 igeze ishyirwa mu bikorwa;
5. Kuganira ku ikibazo cy'amazi kigaragara mu Karere ka Karongi;
6. Gusuzuma ibaruwa y'umujyanama TWAGIRAYEZU Emmnuel wanditse yegura mu nama Njyanama y'Akarere;
7. Kugaragarizwa ibikorwa bya Komite Nyobozi mu gihe cy'amezi atandatu ashize.

Nyuma yo kuganira kuri izi ngingo, Abajyanama bafashe imyanzuro ikurikira:

| No | INGINGO ZAGANIRIWEHO | UMWANZURO | UWO BIREBA | IGIHE BIZABA BYAKOREWE |
|---|---|---|---|---|
| 01 | Kurebera hamwe ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 30/6/2020 n'inama idasanzwe yo kuwa 26/8/2020; | 1. Nyuma yo gusuzuma raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 30/06/2020 n'Inama idasanzwe yo kuwa 26/8/2020, Inama Njyanama yashimye uburyo yashizwe mu bikorwa, isaba ko ibitaragerwaho 100% byihutishwa. | Inama Njyanama | 10/10/2020 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 02 | Kugaragarizwa ibikorwa bya za komisiyo | 2. Nyuma yo gusura ibikorwa remezo bitagikorehswa icyo byagenewe, Inama Njyanama yafashe umwanzuro ku buryo bukurikira:<br>➢ ikigega cya Mutuntu kidashobora kubyazwa umusaruro mu buryo ubwo aribwo bwose, Inama Njyanama yemeje ko cyakurwaho hakubwakwa isoko kandi hagashakwa amakuru k'ubutaka bucyegereye bivugwa ko bwatwawe n'abaturage.<br>➢ imisarani yo mu bwoko bwa ECOSAN yubatswe mu karere ikaba itabyazwa umusaruro kuko yubatswe aho idakenewe kandi inubakwa ku buryo abaturage batahitamo kuyikoresha, byongeye ikaba igoye kuyikorera isuku kuko yubatse ahantu hatagera amazi, by'umwihariko ikaba yaramaze kwangirika bikabije, Inama Njyanama yemeje ko yavanwa mu mishinga ikwiye kubyazwa umusaruro.<br>➢ Ubwanikiro bwa Rubengera na Bwishyura bwari bwaragenewe kwakira umusaruro w'ibigori ukaba utarigeze uboneka, Inama Njyanama yemeje ko bwahindurirwa icyo bwagenewe ariko hakarebwa icyafasha abaturage. | Komite nyobozi | 30/12/2020 |
| | | **3.** Inama Njyanama yasabye ko hategurwa inyandiko nsobanurampamvu (Concept note) izifashishwa ku mikorere y'imboni (focal point) z'amasibo nyuma yo kwemezwa na Komite Nyobozi ikazashyikirizwa Inama njyanama. | Komite Nyobozi | 30/10/2020 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | 4. Inama Njyanama yasabye ko hajyaho itsinda rizajya rikurikirana ko imishinga ikorwa neza rikanayakira kugira ngo hakumirwe ibibazo bigaragara mu mishanga yarangiye. | Komite Nyobozi | 30/12/2020 |
| | | 5. Nyuma yo gusesengura ikibazo cy'imanza z'inkiko Gacaca zimaze igihe, Inama Njyanama yemeje ko imanza zitararangizwa kandi nta mbogamizi zifite zarangizwa bitarenze ukwezi k'Ukwakira 2020 n'aho izifite imbogamizi zikaba zarangijwe bitarenze Ukuboza 2020. | Komite Nyobozi | 15/12/2020 |
| | | 6. Nyuma yo kubona ko ibibazo byagaragaye mu Gakiriro ka Rubengera bimaze igihe kinini bivugwaho ariko ntibikemuke (umuriro udahagije, umuhanda ujya mu gakiriro, amazi atageramo, umusarani rusange wuzuye, inzu restaurant ikoreramo iva cyane,…), Inama Njyanama yongeye gusaba ko hashakwa uburyo bwo gukemura ibibazo bigaragara mu gakiriro. | Komite Nyobozi | 30/12/2020 |
| | | 7. Hashingiwe ku ibaruwa yo ku wa 29/11/2019 yanditswe na World Vision yasabaga ikibanza cyo kubakamo ibiro byo gukoreramo ariko hakaba hagarazwa ko ibyangobwa by' ubutaka 9 byabahawe ingurane bikaba bikibitswe n ' aba nyir'ubutaka harimo 2 baba hanze, Inama Njyanama yasabye ko bitarenze 16/10/2020 ibyangobwa by' ubutaka 7 bizaba byabonetse hanyuma 2 bisigaye bikaboneka mu gihe cya vuba, | Komite Nyobozi | 30/10/2020 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | hanakuriranwe kandi impamvu yateye kwishyura abantu badafitiye ibyangombwa ndetse na World Visión igafashwa kubona ikibanza mu buryo bwa vuba. | | |
| | | 8. Ku kibazo cyagaragajwe cy'abaturage batanze uruhare rwabo rungana n' ibihumbi ijana (100,000 frw) kuri compte y'Akarere ngo bubakirwe BIOGAZ ntibikorwe, Inama Njyanama yasabye ko Akarere gakwiye gusubiza abaturage amafaranga yabo hanyuma kagasigara gakurikirana Rwiyemezamirimo utarubahirije amasezerano. | Komite Nyobozi | 30/12/2020 |
| | | 9. Nyuma yo kubona ko Rwiyemezamirimo ECOBAGEC LTD wubatse agakiriro ka Rubengera hari imirimo y'inyongera yakoze kuri iryo soko ikaba itari yigeze igaragara mu nyigo no mu ngengo y'imari kandi byari ngombwa, hashingiwe kuri raporo yakozwe na mission de controle ECBTP kandi impande zagiranye amasezerano zikayemeranwaho, Inama Njyanama yemeje ko Akarere katanze isoko gakwiye kumvikana na Rwiyemezamirimo, hagakosorwa ibyo raporo yagaragaje byakosorwa hanyuma Rwiyemezamirimo akishyurwa hakurikijwe icyo amategeko ateganya. | Komite Nyobozi | 30/12/2020 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | 10. Mu rwego rwo kurushaho guteza imbere urubyiruko, Inama Njyanama yasabye ko mu mishinga iza guteza imbere Akarere hazajya hagaragaramo uruhare rw'urubyiruko mu gushyira mu bikorwa iyo mishinga. | Komite Nyobozi | Buri gihe |
| | | 11. Nyuma yo kugaragarizwa ikibazo **MUKAGAHAMA Esperance** wasabaga icyemezo cy'iyandikwa ry'ubukode bw'ubutaka burambye buherereye mu Mirenge ya Gitesi na Gashali, Inama Njyanama yagararijwe ko hashyizweho komisiyo yo gusuzuma icyo kibabazo ikaba yaramaze no gutanga raporo, yemeza ko Biro na Komite Nyobozi bazahamagara rwiyemezamirimo bakaganira ku cyakorwa. | Komite Nyobozi | 30/11/2020 |
| | | 12. Nyuma yo kubona ko hari icyuho kinini mu kugaruza amafaranga yagurijwe abaturage muri gahunda ya VUP / Finance Services mu myaka ya 2009 -2015, Inama Njyanama yemeje ko hihutishwa gukora ikegeranyo (Data base) ku mibereho y'abahawe ayo mafaranga kugira ngo bishyikirizwe LODA nk'uko yabisabye. | Komite Nyobozi | 30/10/2020 |
| | | 13. Nyuma yo kugezwaho amakuru ku birarane bikomoka k'umusoro w'ubutaka, Inama Njyanama yemeje ko hakorwa ikegeranyo cyabyo bikazashyikirizwa Inama Njyanama itaha kugira ngo bifatirwe umwanzuro. | Komite Nyobozi | 30/12/2020 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | 14. Inama Njyanama yasabye ko ishyirwa mu bikorwa ry' inama zatanzwe n' umugenzuzi mukuru w'imari ryihutishwa hanyuma Komite Nyobozi nayo igakora ubuvugizi mu bigaragara ko bikigoye gushyirwa mu bikorwa. | Komite Nyobozi | 30/10/2020 |
| | | 15. Hashingiwe mu ***Iteka rya Minisitiri n°02 ryo kuwa 17/05/2012 rigena ibigomba kubahirizwa birebana n'ubuzima n'umutekano ku kazi mu ngingo yaryo ya 41***, Inama Njyanama yasabye ko iyi ngingo yubahirizwa ku bakozi bose kuva ku Akarere kugera ku Kagari aho kuba ku bakozi bamwe. | Komite Nyobozi | Ingengo y'imari 2021-2022 |
| | | 16. Inama Njyanama yemeje ko buri komisiyo izakora umwiherero hagamijwe kugaragaza ibyagezweho mu myaka itanu ishize n'ibikwiye kwitabwaho muri manda itaha. | Inama Njyanama | 30/11/2020 |
| | | 17. Nyuma yo gusuzuma amabaruwa yandikiwe Inama Njyanama yemeje ko:<br><br>-**NZIRAGUSESWA Pascal** wasabye gusonerwa imisoro atashoboye kwishyura kubera ubumuga bwamubujije kongera gukora ko asonerwa<br><br>-**MUREKATETE Elisabeth** wo mu murenge wa Gishyita wasabye gusonerwa umusoro w'ipatanti kandi agakomeza gucuruza, akwiye gukomeza akawutanga .<br><br>-**MUKESHIMANA Eric** wasabye ko yakoroherezwa kwishyura | Inama Njyanama | 30/12//2020 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | ibirarane by'umusoro abereyemo Leta bidashoboka kuko asabwa kubanza guhagarikisha TIN Number kandi bigakorwa yamaze kwishyura.<br><br>-**TUYISENGE Dieudonne** yakurirwaho imisoro kubera uburwayi bukomeye yagize.<br><br>**-Abacuruzi bo kuri Centre ya Kibirizi iri mu murenge wa RUBENGERA** basaba kugabanyirizwa ubukode ku mazu y'Akarere akorerwamo ubucuruzi, bakwiye gukomeza kuyishyura kuko ariko amazu yose ari muri ako gace akodeshwa.<br><br>**-Abacuruzi bo muri centre y' ubucuruzi ya Gasenyi** bakomeza kwishyura amafaranga ibimbi **4000FRW** kuko byubahirije Iteka rya Perezida numero 25/2012 ryo kuwa 09/07/2012 rishyiraho urutonde kandi rigena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n' inzego z'ibanze mu ngingo yaryo ya 14 ivuga ko amahoro y'isuku rusange ava ku mafaranga ibihumbi bitatu (**3000FRW**) kugera ku mafaranga ibihumbi bitanu(**5000FRW**).<br><br>-**NYINAWIMANZI Pelagie** akwiye kwishyura ibirarane by'imisoro abereyemo Leta kuko impamvu agaragaza zidafite agaciro.<br><br>**-RWUMBUGUZA RWINIKIZA Archimede** na **KABANDA Joseph** bahuje ikibazo bavuga ko Akarere katabashyize ku rutonde rw'abakozi ba MIFOTRA, Inama Njyanama yasabye ko bandikirwa bagasubizwa | | |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | ko ubusabe bwabo nta shingiro bufite.<br><br>-**NSHIMYUMUKIZA Cyprien** wari DASSO w'Akarere ka Karongi ubu akaba ari mu kiruhuko cy' izabukuru, isaba kurenganurwa ku birarane ku byo kuzamuka mu ntera ndetse n'ubwiteganyirize muri RSSB, Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukemura iki kibazo. | | |
| **03** | Kurebera hamwe ishyirwa mu bikorwa ry' ingengo y' imari y'umwaka wa 2020-2021; | 18. Nyuma yo gusesengura ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari 2020-2021 rikaba rigeze kuri 19,6%, Inama Njyanama yasabye ko hajya hanagaragazwa ingengo y' imari imaze gukoreshwa ku mihigo. | Komite Nyobozi | Buri gihe |
| **04** | Kugaragarizwa aho imihigo y' umwaka wa 2020-2021 igeze ishyirwa mu bikorwa; | 19. Nyuma yo kugaragarizwa aho ishyirwa mubikorwa ry' imihigo ya 2020-2021 rigeze kuri 33,4%, Inama Njyanama yasabye ko yihutishwa . | Komite Nyobozi | Buri gihe |
| **05** | Kuganira ku ikibazo cy'amazi kigaragara mu Karere ka Karongi; | 20. Nyuma yo kugaragarizwa gahunda yo kwegereza abaturage amazi mu Karere ka Karongi, Inama Njyanama yasabye komite Nyobozi kuyishyiramo imbaraga abaturage bakabona amazi ndetse hagashyirwaho n'uburyo buhamye bwo kuyacunga no kuyasaranganya. | Komite Nyobozi | 30/12/2020 |
| | | 21. Inama Njyanama yasabye ko ikibazo cy'amazi muri IDP Model Village ya Rugabano gikemurwa ndetse n'amavomo yafunzwe na WASAC mu Murenge wa Rubengera agafungurwa abaturage bakabona amazi. | Komite Nyobozi | 30/10/2020 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **06** | Gusuzuma ibaruwa y'umujyanama **TWAGIRAYEZU Emmnuel** wanditse yegura mu nama Njyanama y'Akarere; | 22. Abagize Inama Njyanama basomewe ibaruwa yanditswe n' y'umujyanama **TWAGIRAYEZU Emmnuel** asaba kwegura mu nama Njyanama y'Akarere ka Karongi, abajyanama 22/22 bari bitabiriye babyemeje. | Inama Njyanama | 10/10/2020 |
| **07** | Kugaragarizwa ibikorwa bya Komite Nyobozi mu gihe cy'amezi atandatu ashize. | 23. Nyuma yo kugaragarizwa ibikorwa bya Komite Nyobozi mu gihe cy'amezi atandatu ashize, abagize Inama Njyanama babishimye. | Komite Nyobozi | 10/10/2020 |

Inama yashoje imirimo yayo saa kumi n' imwe na mirongo itanu (17H50), Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira abayitabiriye n'íbitekerezo batanze.

**MUREKATETE Marie Rose**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere

**MUTANGANA Frederic**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere

# INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI

## URUTONDE RW'ABAGIZE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI BITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA YO KUWA10/10/2020

| N° | Amazina | Igitsina | Aho yaturutse | Email | Telefone | Isaha ahagereye | Umukono |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | ABIMANA Mathias | M | Rubengera | matbimana49@gmail.com | 0788522405 | 9h00 | [signature] |
| 2 | AGASARO Aurore | F | Bwishyura | Agasaro2010@gmail.com | 0788667363 | 9h00' | [signature] |
| 3 | BYABAGABO NZOYIBONA Claude | M | Gishyita | byanzo@yahoo.fr | 0788727087 | | |
| 4 | BASIIME Jossy (Vice President} | M | Twumba | Jbasiimec63@gmail.com | 0788409675 | 9.00 | [signature] |
| 5 | HABIMANA Emmanuel | M | Ruganda | Emmanuelhabimana2015@gmail.com | 0782046789 | 8h 11 | [signature] |
| 6 | KAMANZI Felix | M | Murundi | Kamanzifelix2015@gmail.com | 0783862264 | 8h 35 | [signature] |
| 7 | KARAGIRE Gonzague | M | Murambi | goonzaleess@yahoo.fr | 0788648897 | 08h 40 | [signature] |
| 8 | KAYIGEMA Vincent | M | Rwankuba | vincentkayigema@gmail.com | 0788549114 | | |
| 9 | MUKAMANA Therese | F | Rubengera | mukather13@gmail.com | 0788879942 | 9h00 | [signature] |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 10 | MUKAMANA Florence | F | Gishyita | floremus2011@yahoo.fr | 0788852583 | | |
| 11 | MUKANDEKEZI Françoise | F | Gitesi | mfracoise@yahoo.fr | 0788518877 | 8h59 | |
| 12 | MUKASHEMA Catherine | F | Mutuntu | -- | 0786840230 | 8h40 | |
| 13 | MUKASE Valentine(V/Mayor ASOC) | F | Rubengera | Muvale2002@yahoofr | 0788428702 | 9h00' | |
| 14 | MUKASINE Dative | F | Rwankuba | mukasinedative@gmail.com | 0783420808 | 8h45' | |
| 15 | MUKARUTESI Vestine(Mayor) | F | Murambi | Mukarutesi.vestine@yahoo.com | 0788572776 | | |
| 16 | MUREKATETE Marie Rose (Secretaire) | F | Bwishyura | muremarose@yahoo.fr | 0788899835 | 8h40 | |
| 17 | MUREKATETE Jacqueline | F | Murundi | | 0788589976 | 8h30' | |
| 18 | MUTANGANA Frederic(President) | M | Gashari | fredericmutangana@gmail.com | 0788305295 | 8h45' | |
| 19 | MWIZA Ernest | M | Bwishyura | mwizae@yahoo.com | 0788530438 | 8h40' | |
| 20 | NAYITURIKI Esperance | F | Mubuga | enayituriki@yahoo.fr | 0788832048 | 8h50 | |
| 21 | NDIHOKUBWIMANA Frodouard | M | Gitesi | ndihokubwimana@yahoo.fr | 0788614057 | 9h58' | |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 22 | NIRAGIRE Theophile(V/Mayor ED) | M | Rwankuba | wilthewin@yahoo.fr | 0788437799 | 08h30' | |
| 23 | NTAKIRUTIMANA Julienne | F | Rugabano | julianumu@gmail.com | 0788497783 | | |
| 24 | NYAMURINDA Protais | M | Rubengera | nyprotais@yahoo.fr | 0783420657 | 8h42 | |
| 25 | NZAMUTUMA Azarias | M | Mutuntu | ~~Azarnzam01@yahoo.fr~~ nzamutumaazarias@gmail.com | 0788679705 | 8h30 | |
| 26 | TWAGIRAYEZU Emmanuel | M | Mubuga | twagirayezu10@yahoo.fr | 0788842557 | | |
| 27 | TWAMBAJEMARIYA Jeanne d'Arc | F | Rubengera | twambajejeanne@yahoo.fr | 0788487181 | 9h00 | |
| 28 | UWILINGIYIMANA Epimaque | M | Twumba | uwiringiyee@gmail.com | 0785362278 | 8h47 | |

## URUTONDE RW'ABITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI YO KUWA 10/10/2020

| Amazina | Igitsina | Aho yaturutse | Email | Telefone | Umukono |
|---|---|---|---|---|---|
| Rosemary Mbabazi. Mugisha | G | Kigali | rmbabazi@gov.rw | 0788306391 | |
| Col Alex MASUMBUKU | M | Karongi District | Masalet882@gmail.co | 078831687[illegible] | |
| IMANISHIMWE Bernard | M | Karongi | imanishimwebern@gmail.com | 0783420719 | |
| NDINDABO TUYISENGE Helene | F | KARONGI | tuyisengehelene@gmail.com | 0784958292 | |
| NIWEMUWANA Rose | F | Karongi District | nuworose120@gmail.com | 0781643800 | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |

URUTONDE RW'ABITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI YO KUWA 10/10/2020

| Amazina | Igitsina | Aho yaturutse | Email | Telefone | Umukono |
|---|---|---|---|---|---|
| MUNYANEZA Mathias | M | Karongi | munyanezas@yahoo.fr | 0788318366 | |
| HABINSHUTI Eliakim | M | JADF KARONGI | eliakimhabinshuti@gmail.com | 0788618975 | |
| SIBOMANA Emmanuel | M | Karongi district | siema250@yahoo.fr | 0788870093 | |
| UKURIKIYINEZA Japhet | M | Karongi District | nezajaphet@gmail.com | 0783428266 | |
| NDAMYEYEZU Fidele | M | " " | fidelandayezu@gmail.com | 0788487950 | |
| TUYIZERE Eric (internee) | M | " | tuyizere2005@gmail.com | 0780888653 | |
| NTWAYINGABO Olivier | M | " – " – " | olivier_ntwayo@yahoo.fr | 0788278846 | |
| TWAGIRUMUKIZA Innocent | M | MUBUGA | twagirumukiza.i@yahoo.fr | 0788589662 | |
| Gashonana Saiba | M | Gitesi | saibagashonana@gmail.com | 0782341907 | |
| BIKORIMANA Cléophas | M | Radio Isangano | bikocleo@gmail.com | 0787185852 | |
| NSHIMIYIMANA Eric | M | Rwandanews24 | erickoff.94@gmail.com | 0787279930 | |
| MUKANDAHIRO Irene | F | Karongi District | mukandahiroirene@yahoo.fr | 0788622525 | |
| NYIRARIBANJE Assumpta | F | Karongi District | nyirassous@yahoo.fr | 0788512249 | |
| | | | | | |

## URUTONDE RW'ABITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI YO KUWA 10/10/2020

| Amazina | Igitsina | Aho yaturutse | Email | Telefone | Umukono |
|---|---|---|---|---|---|
| Dr Innocent M. Gashebuka | M | Ku Karere | innocentgashebuka@yahoo.com | 0787838889 | |
| MUVUNYI Jean | M | Ku KARERE | jean.mukungi@yahoo.com | 0783507802 | |
| GATETE MB. Anastase | M | Ku Karere | anastasemb@yahoo.fr | 0788679248 | |
| Karangwa James | M | Bwishyura | executive@karongi.gov.rw | 0788462164 | |
| MWIKARAGO Justin | M | Bwishyura | jmwikarago@wasac… | 0788308564 | |
| B. Innocent KAMANZI | M | Bwishyura | kamanzibimacent@gmail.com | 0788647643 | |
| URWINZWENIMANA Philemon | M | KIGALI | — | 0732426037 | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |